L. G.

REPUBLIKA Y'U RWANDA

# ITEGEKO RY'INSHINGA LIGENGA UBUYOBOZI BWA KOMINE Z'U RWANDA

REPUBLIKA Y'U RWANDA

# ITEGEKO RY'INSHINGA LIGENGA UBUYOBOZI BWA KOMINE Z'U RWANDA

# ITEGEKO RY'ISHINGA LIGENGA UBUYOBOZI BWA KOMINE Z'U RWANDA

## IGICE CYA MBERE

## Ibyerekeye Komine

**Ingingo ya 1.**

Komine z'agateganyo zashyizweho n'iteka ryo ku wa 25/12/1959, zishingiye ku mategeko tugiye kubabwira. Ako gace k'ubutegetsi bakita Komine.

**Ingingo ya 2.**

Komine ifite ubwigenge mu buryo bw'inzandiko.

**Ingingo ya 3.**

Inama y'igihugu ifite ububasha bwo gukuraho, kugabanya cyangwa kwongera Komine no guhindura imipaka yazo, ibanje kumva ba bwana Administrateri ba za teritwari, n'inama za Komine zibifiteho uruhare.

**Ingingo ya 4.**

Komine iyo imaze kuvaho, imaze kugabanywa, cyangwa bahinduye imipaka yayo Administrateri abijyamo akabitunganya afatanyije n'inama za Komine, ibyo birora. Umutware w'igihugu niwe, iyo kuva igihe inama ibimenyesherejwe, hashize amezi atandatu ntagishobotse, aca urubanza.

# IGICE CYA KABILI

## Abategetsi ba Komine

**Ingingo ya 5.**

Abategetsi ba Komine ni Burgmestre n'abajyanama be.

### UMUTWE WA MBERE

### Inama ya Komine

#### UMUGABANE WA 1

#### Abajyanama b'inama ya Komine.

**Ingingo ya 6.**

Inama ya Komine igizwe n'abantu batowe na Rubanda, bakulikije u muntu umwe ku bantu 150 basora cyangwa amajwi arenga 75.

**Ingingo ya 7.**

Inama iyo itowe igomba kumara imyaka 3 bakabona gutora bundi bushya.

Inama irangiza igihe cyayo k'umunsi w'itora rya Komine.

Itegeko lishobora guha inama uburenganzira bwo kurenzaho undi mwaka.

Inama ivanwaho igihe cyayo kirangiye.

Ishobora no gukurwaho n'itegeko rikuru igihe gisanzwe kitaragera.

Iyo inama ivuyeho indi itarajyaho, Bourgmestre niwe ugomba kwita ku mulimo usanzwe wa za Komine kugeza igihe bashyiliyeho indi nama nshya.

**Ingingo ya 8.**

**Umujyanama avanwa ku milimo y'ubujyanama iyo:**

1. yisabiye kuva mu nama,
2. abonye undi mulimo utashobora gufatanywa n'inama,
3. adashobora gutora,

4. amaze amezi 3 akulikirana ataza mu nama, keretse hali impamvu ikomeye.
5. afunzwe amezi agera kuli abili cyangwa arenga,
6. atakiliho yarapfuye.

**Ingingo ya 9.**

**Umulimo w'umujyanama uba uhagaze iyo :**

1. afungiye ahantu cyangwa agiye mu bitaro kubera indwara y'ibisazi.
2. yahombye ibye bikagurwa cyamunara, kugeza igihe yemerewe kwongera gukora.
3. afungishije ijisho, muli icyo gihe nyine.
4. afunze, muli icyo gihe afunzwe.

**Ingingo ya 10.**

Administrateri wa teritwari cyangwa umufasha we niwe umenya igihe umujyanama avanywe cyangwa ahagalitswe k'umulimo we akabimenyesha Burgmestre, akabimenyesha n'uwo mujyanama n'ugomba kumukura.

**Ingingo ya 11.**

Abajyanama babona amafranga uko ]baje] mu nama, inama niyo ishyiraho umubare wayo ikulikije uko umukuru w'igihugu yabivuze, icyo inama yemeje gishyikilizwa bwana Administrateri akacyemera cyangwa akacyanga.

**Ingingo ya 12.**

**Abajyanama babujijwe :**

1. kujya mu nama ivuga ibiberekeyeho, cyangwa ibyerekeye abo bafitanye isano rya hafi.
2. kwivanga ubwabo cyangwa babicishije ku bandi mu milimo ikorerwa komine nko kuyicuruliza, cyangwa kugirana amapatano nayo.
3. kwivanga mu manza ziburanya Komine, cyangwa kuburanira Komine, keretse iyo babigira nta gihembo baka.

## UMUGABANE WA 2

### Inama ya komine n'ibiyivugirwamo.

**Ingingo ya 13.**

Inama ya Komine ijyaho igihe cyose haliho ibibazo ishobora gusuzuma. Igomba kuba nibura limwe mu kwezi, k'umunsi abajyanama bishyiliyeho.

**Ingingo ya 14.**

Burgmestre niwe uhamagara inama. Iyo igice kimwe cya gatatu cy'abajyanama cyemeje umunsi n'isaha inama izaberaho, Burgmestre agomba kuyitumira kuli iyo saha no kuli uwo munsi. Abajyanama basaba ko inama iterana bagomba kubimenyesha hasigaye nk'iminsi itanu ngo iyo nama ibe.

**Ingingo ya 15.**

Kereka iyo ali ikintu kigomba gusuzumwa vuba, naho ubundi abajyanama bagomba gutumwaho hasigaye iminsi ibili inama ikaba.

**Ingingo ya 16.**

Urupapuro ruhamagara inama rugomba kumenyesha ibizayivugwamo. Ibyo bigirwa na Burgmestre, agashyiramo ibigomba gusuzumwa. byemejwe n'icya gatatu cy'abajyanama. Ikitanditse ntikigomba kuvugwa uwo munsi, keretse bibaye ngombwa ngo kivugwe. Bitatu bya kane by'abajyanama nibo bagomba kugiha umwanya.

**Ingingo ya 17.**

Ku buryo bwose ndetse bidakulikije iminsi igomba gutangwa yavuzwe mu nomero ya 14 na 15, Administrateri ashobora kwishyiliraho icyo yifuza ko cyavugwa mu nama. Ashobora no gukuraho icyo inama yashakaga kuvuga uwo munsi kandi kitali mu bubasha bwayo.

**Ingingo ya 18.**

Burgmestre niwe mukuru w'inama ya Komine. Niwe uyitangira kandi akayisezerera.

**Ingingo ya 19.**

Inama ntacyo ishobora kwemera iyo hatali benshi bayijemo, aliko niba ubwa mbere inama yarahamagawe ntishyike umubare, abahali bazashobora gukora inama kandi bagire icyo bemeza mu byanditse kuli uwo munsi wa kabili w'inama.

**Ingingo ya 20.**

Mu nama icyo benshi bemeje nicyo gihama, iyo amajwi alinganiye ikibazo kigomba kurekwa.

**Ingingo ya 21.**

Iyo nta mategeko yandi abihindura, mu gihe inama ijya impaka zerekeye abantu nko kuvugana no kwerekana abifuza imilimo, itora ligomba kwihereranwa. Ku nshuro ya mbere uhulijweho na benshi niwe utorwa. Ku nshur ya kabili umubare ulinganiye urahagije, iyo hali abanganyije amajwi, hatorwa ukuze muli bo. Iyo bidashobotse kumenya umukuru barafinda, uwo buguycho agatorwa.

**Ingingo ya 22.**

Inama ntiziheza kereka iyo igice cya gatatu cyahaje mu bajyanama kibigennye ukundi.

**Ingingo ya 23.**

Inama itegetswe kudaheza iyo ibiyivugwamo byerekeye amafranga akora muli Komine, imisoro itangwa ku bintu, amafranga aguzwa n'indi milimo yindi.

**Ingingo ya 24.**

Iyo ali ibyerekeye umuntu ubwe, ndetse dushyizeho n'ibyavuzwe ku ngingo ya 23, ntibishobora kuvugirwa mu ruhame. Iyo haje ikibazo nk'icyo, utegeka inama ategeka ko bafunga inzugi, icyo kibazo cyarangira, bagafungura.

**Ingingo ya 25.**

Administrateri w'iyo Teritwari cyangwa uwo yohereje, ashobora kuza mu nama, iyo asabye ijambo igihe cyose bagomba kumwumva.

**Ingingo ya 26.**

Inama ishobora gutumira abo ishatse.

**Ingingo ya 27.**

Abamaze kuvugwa kuli 25 na 26 ntibashobora gutora.

**Ingingo ya 28.**

Umukuru w'inama niwe ugomba kuyilinda icyayizanamo amahane. Hagize umuntu utali umujyanama werekana, ku buryo bugaragara, ko yemeye cyangwa ko ahakana ibivugwa mu nama, cyangwa uteia urusaku ku bundi buryo, Prezida abanza kumwiyama, yakomeza akamwirukana aho inama ikorerwa. Ashobora no kumurega kwa Bwana Komiseri, nawe akamuhanisha igifungo cy'iminsi itatu cyangwa amafranga 100 akaba ndetse yamukulikirana cyane iyo ali ngombwa.

**Ingingo ya 29.**

Ibyavuzwe muli buli nama bigomba kwemerwa n'inama.

**Ingingo ya 30.**

Mu minsi 15 ikulikira inama, ibyavuzwe bigomba gushyirwa k'urupapuro bikamenyeshwa Bwana Administrateri...

**Ingingo ya 31.**

Umuntu wese wifuza kumenya ibivugirwa mu nama ashobora kubyerekwa aliko bitavuye aho bili; iyo inama yaheje icyagezweho nicyo kimenyeshwa rubanda, byashoboka hakongerwaho amagambo abisobanura.

## UMUGABANE WA 3

### Ububasha bw'inama ya Komine

**Ingingo ya 32.**

Inama igenewe gutunganya ibyerekeye Komine yayo. Ivuga icyo itekereza ku kibazo cyose abakuru bayohereje ngo igisuzume.

**Ingingo ya 33.**

Inama ya Komine itanga amategeko y'ubutegetsi n'amahoro ya Komine. Ayo mategeko ntagomba gucisha ukubili n'ayatanzwe n'abategetsi bakuru. Inama ishobora gutanga ibihano bitarenze iminsi 7, n'amafranga 200 cyangwa kimwe muli ibyo. Ibihano bikomeye bicishwa bugufi kugira ngo bitarenga ibyo inama ifitiye ububasha bwo gutanga.

**Ingingo ya 34.**

Iyo inama irangiye amategeko ya Komine yoherezwa kwa bwana Administrateri. Ashobora kwoherezwa muli recomandi cyangwa agahabwa umuntu uyajyana kandi akagarukana agapapuro k'intanga-mugabo.

**Ingingo ya 35.**

Inama ya Komine niyo yishyiliraho amategeko yerekeye imikorere yayo.

## UMUGABANE WA 4

### Amateraniro n'ibivugwa mu nama nyinshi

**Ingingo ya 36.**

Administrateri cyangwa uwo yohereje afite ubushobozi bwo guteranya Komine ebyili cyangwa nyinshi, mu nama imwe kandi akaba mukuru wayo ; izo nama zigomba kuba zaje n'abazo, cyangwa zohereje abazivugira.

**Ingingo ya 37.**

Iyo izo nama cyangwa abo bavugizi bateranye, bagomba gusuzuma gusa ibibazo zifitiye ububasha kandi biterekeye Komine imwe gusa, aliko bifitiye bose akamaro.

# UMUTWE WA II

# Ibyerekeye Burgmestre

## UMUGABANE WA 1

## Amategeko agenga Burgmestre

**Ingingo ya 38.**

Umutware w'igihugu niwe wemerera Burgmestre. Atorwa mu bajyanama.

**Ingingo ya 39.**

Inama yohereza umutware w'igihugu amazina y'abantu babili, akitoreramo uwo ashaka. Iyo inama imaze ukwezi ishyizweho ntibe hali uwo yatoye, cyangwa se mu bavuzwe hatagize uwemererwa, Umukuru w'igihugu yemerera uwo bwana Administrateri amubwiye.

**Ingingo ya 40.**

Umulimo wa Burgmestre urangira hongeye gutorwa indi nama nshya. Aliko rero Burgmestre agumaho kugeza igihe habonetse umusimbura.

**Ingingo ya 41.**

Tudaciye kubyo ingingo ya 50 n'iyikulikira zivuga, Burgmestre ava ku mulimo cyangwa ahagalikwa ku mulimo ku mpamvu zimwe n'iz'umujyanama. Ava kandi ku kazi ka Burgmestre iyo hashize amezi atandatu atali k'umulimo we mu gihe yagombaga gutegeka, keretse habonetse impamvu nyakuli.

---

**Ingingo ya 46.**

Amafranga agenewe urangije imyaka ye yo kuba Burgmestre, ntatangwa iyo uwo Burgmestre bamutoye bundi bushya gukomeza uwo mulimo, mu gihe anyazwe, bayabara bakulikije imyaka ya mbere yamaze ategeka Komine.

**Ingingo ya 47.**

Ibyo yahabwaga byavuzwe mu ngingo ya 42. na 45. birahagarara :

1° Iyo Burgmestre yagiye ahantu akahamara iminsi 30 kandi atabifitiye impamvu igaragara.

2° Mu minsi yahagalitswe ku mulimo we bituruka ku gihano.

**Ingingo ya 48.**

Amafranga yavuzwe mu ngingo ya 42 na 45 atangwa na Komine ubwayo. Ayo mafranga atangwa buli kwezi kandi agatangwa mu mboneko zako.

**Ingingo ya 49.**

Kirazira k'uburyo bwose, kugira ngo Komine ihe Burgmestre andi mafranga uretse ayo twavuze mu ngingo ya 42 na 45.

**Ingingo ya 50.**

**Burgmestre ashobora guhanishwa ibi bihano bikulikira :**

1° Kumwohererеza urwandiko rumutonganya.

2° Kumubuza mu minsi mike umulimo w'ubutegetsi akaba ahagaze.

3° Gukata amafranga ku gihembo cye.

4° Kumukura ku mulimo we.

**Ingingo ya 51.**

Amafranga akatwa ntashobora kurenga igice cya kabili cy'umushahara; ayo ntashobora kuyakatwa mu gihe cy'amezi arenga atatu.

**Ingingo ya 52.**

Burgmestre ntashobora guhagalikwa ku mulimo we mu gihe kirenga amezi atatu, muli icyo gihe ahawe igihano cyo kumara iminsi nta butegetsi afite, ntacyo ahembwa.

**Ingingo ya 53.**

Burgmestre ashobora kunyagwa iyo yifata nabi cyane, iyo agira amafuti menshi cyangwa umwete muke mu mulimo we, cyangwa yifata ku buryo busuzugulisha icyubahiro cy'umulimo wa Burgmestre.

**Ingingo ya 54.**

Uretse igihano cyo kunyaga, ibindi bihano byose bitangwa na Bwana Administrateri, mu rwandiko rubitanga agomba kuvuga impamvu. Burgmestre agomba guhabwa umwanya wo kwiregura.

**Ingingo ya 55.**

Muli uko kwezi, Burgmestre ashobora kujulilira umutware w'igihugu. Umutware wa leta nawe agaca urubanza muli uko kwezi. Kujulira ntibihagalika igihano.

**Ingingo ya 56.**

Umutware w'igihugu niwe unyaga amaze kubyumvikanamo n'Administrateri kandi yabanje kumva uwo Burgmestre unyagwa.

**Ingingo ya 57.**

Burgmestre unyanzwe ntashobora gusubira k'ubutegetsi muli iyo myaka yagombaga kubumaraho.

**Ingingo ya 58.**

Habonetse ibimenyetso bigaragara kandi bihagije, byerekana ko burgmestre akwiye kuba avuye k'umulimo we mu minsi mike, cyangwa akwiye kunyagwa rwose ashobora kuba ahagaze ntakore, kugeza igihe bamaze kubisuzuma bakamenya impamvu yabyo n'igihano akwiye muli ibyo byombi. Kuba yicaye abitegekwa na bwana Administrateri wa teritwari. Icyo gihano kijyana n'icyo gufata igice cya kabili cy'umushahara we.

**Ingingo ya 59.**

**Burgmestre abujijwe :**

1. kujya mu nama ivuga ibimwerekeyeho, cyangwa ibyerekeye abo bafitanye isano ya hafi.
2. kwivanga ubwe cyangwa abicishije ku bandi mu milimo ikorerwa Komine, nko kuyicuruliza cyangwa kugirana amapatano nayo,
3. kwivanga mu manza ziburanya komine cyangwa kuburanira komine, keretse abigira nta gihembo yaka.

**Ingingo ya 60.**

Iyo burgmestre adahali cyangwa agize ikimubuza gukora, asimburwa n'umujyanama yishyiliyeho abyemerewe na bwana Administrateri. Iyo Burgmestre atashyizeho umusimbura bwana Administrateri niwe umushyiraho. Ni nako bigenda iyo Komine itarabona Burgmestre ; Umujyanama usigaye mu mwanya wa Burgmestre, agomba gufata buli munsi igihembo cy'amafranga 200 bidahinduka.

**Ingingo ya 61.**

Umutware w'igihugu niwe utegeka imyambaro n'ibimenyetso bya Burgmestre.

## UMUGABANE WA 2

### Ububasha bwa Burgmestre

**Ingingo ya 62.**

Burgmestre ali mu kigwi cy'Umutware w'igihugu, kandi ahagaraliye ubutegetsi bwa Komine.

**Ingingo ya 63.**

Burgmestre ategetswe kurangiza no kubahilisha amategeko ahabwa n'abategetsi bakuru. Afasha kandi gutunganya imilimo yerekeye igihugu cyose, iyo yabisabwe na bwana Administrateri wa teritwari.

**Ingingo ya 64.**

**Mu byo Burgmestre ategetswe, ibya ngombwa n'ibi** :

1. gutangaza no kurangiza ibyemejwe n'inama ya Komine.
2. kwiga no gusobanura ibizasuzumwa n'inama ya Komine.
3. ibyerekeye amafranga n'uburyo agomba gukora no gukoreshwa muli Komine.
4. kumenya no gucunga amazu ya Komine.
5. gucunga ibyungura imali ya Komine.
6. kumenya no gucunga ibyo Komine itunze nk'ibibanza, amashyamba n'ibindi...

**Ingingo ya 65.**

Usibye administrateri wa Teritwari iyo Komine ilimo, Burgmestre akora umulimo yahawe mu izina rya Administrateri kandi akabigira mu rugero Rezida w'ikirenga abishaka. Ubwo bubasha n'ubutegetsi ashobora kubitanga igice, cyangwa akabutanga bwose abuha intumwa ye akulikije amategeko ya Rezida generali.

**Ingingo ya 66.**

Ubuyobozi bwa Komine bushinzwe Burgmestre, agomba gusinya amategeko y'inama ya Komine n'ibyo yemeje byose, niwe usinya amatangazo n'izindi mpapuro zose za leta za Komine.

**Ingingo ya 67.**

Iyo hali impamvu ituma agomba gutanga amategeko, Burgmestre yitabaza Amategeko yo guhosha impagarara. Ashobora gutanga igihano kitarenga iminsi 7 n'amafranga 200 cyangwa kimwe muli ibyo. Bidatinze ibyo yakoze akabimenyesha inama ya Komine na Administrateri wa teritwari, kandi akamenyesha n'impamvu zatumye abyihutana atabanje kubinyuza mu nama ya Komine. Ayo mategeko ata agaciro iyo abajyanama bakoze inama ntibabyemere. Iyo inama itarakorwa, ayo mategeko bwana Administrateri ashobora kuba ayahagalitse.

**Ingingo ya 68.**

Burgmestre ashobora gufunga mu gihe kitarenga amasaha 24 umuntu utera imvururu ku karubanda, nko mu mihanda no mu mayira.

**Ingingo ya 69.**

Mbere yo gutangira iby'umulimo we, Burgmestre arahilira imbere ya bwana Administrateri wa teritwari cyangwa uli mu kigwi cye ; amagambo bavuga ubwo barahira yashyizweho n'inama y'igihugu. Iyo amaze kurahilira imbere y'umukuru wa teritwari cyangwa uli mu mwanya we, ashyiraho umukono we hamwe na bwana yarahiliyeho imbere.

# IGICE CYA GATATU

## Uburezi bw'ibikorwa na za Komine

**Ingingo ya 70.**

Umutware w'igihugu niwe wita ku byakozwe n'abategetsi ba Komine. Bwana Administrateri wa teritwari nawe agomba kubimenya akabyitunganyiliza ubwe cyangwa akabimenyesha umutware wa Leta.

**Ingingo ya 71.**

Amategeko y'abategetsi ba za Komine agenzurwa k'uburyo bukulikira :

— kuyemera cyangwa kubanza gutanga uruhushya rw'ikigiye gukorwa,

— kuyanga rwose,

— kuyasimbuza andi.

**Ingingo ya 72.**

Ibyemejwe n'abategetsi ba Komine bibanza kwemerwa cyangwa gusabirwa uruhushya iyo byateganyijwe mu mategeko.

Uko kubyemera cyangwa gutanga uruhushya bigomba gutangira k'uburyo bugaragara. Iyo hashize ukwezi ikibazo gitanzwe aliko kitarasubizwa, aba ali ukuvuga ko icyabazwaga cyemewe, keretse rero nyili ugutanga icyo gisubizo iyo yatse igihe kirekire.

**Ingingo ya 73.**

Administrateri wa teritwari ashobora guhagalika ikitwa itegeko cyose, cyangwa ibindi byashimwe n'abategetsi ba Komine, mu byo baba bagiyemo inama, iyo abonye ko birenze ububasha bwa Komine, cyangwa bicishije ukubili n'amategeko, cyangwa byakwica icyagilira bose akamaro.

Ibyo guhagalika ibintu nk'ibyo, bigomba kugirwa mu minsi 15 ikulikira italiki Bwana Administrateri wa teritwari yamenyeho itegeko, cyangwa icyemejwe mu nama ya Komine. Iyo bwana Administrateri wa teritwari atabishimye, agomba kubimenyesha umutware wa leta, hamwe n'ababimuhaye ngo abisuzume, abishime cyangwa abigaye. Kandi akavuga n'impamvu zimuteye kutabyemera. Ibyahagalitswe bihamburwa n'itegeko ry'umukuru w'igihugu, cyangwa hashize ukwezi kumwe gusa bimenyeshejwe uwo mukuru w'Igihugu.

**Ingingo ya 74.**

Umutware w'igihugu afite ubushobozi bwo gukuraho amategeko n'ibindi byashimwe n'abategetsi ba Komine, iyo abonye ko bicishije ukubili n'amategeko cyangwa byakwangiza icyagilira bose akamaro. Agomba kumenyesha ko abyanze mu minsi mirongo itatu ikulikira italiki babimuhereyeho babimumenyesha ngo abibasuzumire. Ako kanya amaze kubyanga bimenyeshwa bwana Administrateri wa teritwari n'abategetsi ba Komine, kandi akamenyesha n'impamvu zitumye bitemerwa.

**Ingingo ya 75.**

Iyo abategeka Komine badakoze ibyanditswe mu mategeko nk'uko babitegekwa, Umutware w'Igihugu na Bwana Administrateri, babibutsa kabili kose batagira icyo babikoraho, bakabikora mu mwanya wabo. Ubwo bashobora gufata amategeko yose yo kubitunganya.

**Ingingo ya 76.**

Bwana Administrateri wa teritwari agomba kugenzura cyangwa kugenzuza Komine zose za teritwari, nibura limwe gusa mu kwezi, iyo arangije kugenzura akora raporo ashyikiliza umutware w'igihugu, kandi akabimenyesha inama ya Komine.

# IGICE CYA KANE

# Imitegekere ya za Komine

## UMUTWE WA MBERE

## Umuyobozi

**Ingingo ya 77.**

Inama ya Komine niyo ishinga imilimo ya Komine kandi ikagena ibiyikorwamo.

**Ingingo ya 78.**

Ishinga ry'imilimo y'ubucuruzi bukorwa na Komine litangirwa uruhushya na bwana Administrateri. Iyo milimo ni nka twa kompanyi. Amategeko yayo atandukanye n'agenga imilimo yindi ya Komine. Umutware w'igihugu niwe ushyiraho amategeko y'izo kompanyi za Komine, (mu gifransa bazita régie).

**Ingingo ya 79.**

Komine zishobora kwinjira muli za Kompanyi cyangwa ahandi hazifitiye akamaro no kwoherezamo abavugizi bazo. Kugira ngo zibigire bwana Administrateri agomba kuba yatanze uruhushya.

## UMUTWE WA KABILI

## Abakozi

### UMUGABANE WA 1

### Ibyerekeye abakozi ba Komine

**Ingingo ya 80.**

Komine zishobora gushyiraho abakozi bazo, byongeye kandi, abakozi ba leta bashobora kujya gukora muli Komine, bigomba kuba bitanyujije ukubili n'amategeko yabo.

**Ingingo ya 81.**

Inama ya Komine niyo yishyiliraho abakozi ba Komine, kandi ifite ububasha bwo kuba ibabujije gukora n'ubwo kubirukana

**Ingingo ya 82.**

Guha umukozi akazi cyangwa kuba umubujije gukora no kumuha lisansi, bigomba kunyura kuli bwana Administrateri wa teritwari. Bwana Administrateri wa teritwari ashobora gutanga uruhushya rusange ku bakozi bamwe ba Komine.

**Ingingo ya 83.**

Muli buli komine hali secreteri umwe n'uwakira amafranga umwe. Imilimo y'abo bakozi bombi ishobora gukorwa n'umuntu umwe, Komine ebyili cyangwa nyinshi zishobora kubyumvikanamo zigahulira kuli secreteri umwe, cyangwa uwakira amafranga umwe. Igihe badahali Burgmestre ashobora gushyiraho uba ahagaze mu kigwi cyabo.

## UMUGABANE WA 2

### Secreteri wa Komine

**Ingingo ya 84.**

Secreteri (nawe) asinya ku mategeko n'ibyemejwe n'inama, ku matangazo no ku nzandiko zindi za Leta ya Komine, no ku zindi nzandiko z'ingenzi za Komine, uretse inzandiko zisanzwe mu butegetsi.

**Ingingo ya 85.**

Secreteri agomba kumenya impapuro zivuga iby'amafranga yemejwe gutangwa n'ayatanzwe. Iyo umulimo wa Secreteri n'uwakira amafranga ukorwa n'umuntu umwe, ako kazi kaba aka Burgmestre.

**Ingingo ya 86.**

Secreteri wa komine ashinzwe imilimo ikorwa muli Komine n'abayikora, abicungwamo na Burgmestre.

**Ingingo ya 87.**

Secreteri wa Komine ajya mu nama za Komine. Niwe wandika ibiyivugwamo byose.

## UMUGABANE WA 3

### Uwakira amafranga muli Komine

**Ingingo ya 88.**

Uwakira amafranga muli Komine agomba kwibwiliza gukora uko ashoboye kose, kugira ngo asoreshe vuba amafranga yose ya Komine. Niwe ugomba kuyakira no kuyandika mu bitabo. Ashobora gusaba Bwana Administrateri uruhushya rwo gushyiraho abamufasha, aliko ibyo bakoze akaba aliwe ubibazwa.

**Ingingo ya 89.**

Uwakira amafranga muli Komine ahabwa ikitwa umusoro cyose hamwe na za taxe za Komine z'ingenzi agaha isanduku y'igihugu igice ikwiye kubona. Ibiro by'imisoro nabyo byakira taxe za Komine zigizwe n'ibyongerwa ku misoro hamwe na taxe z'igihugu bigahabwa Komine. Abayobozi ba Komine bakira amafranga abonetse mu gihe bakora imilimo yabo, uwakira amafranga na taxe, agumana igice kigenewe Komine, akohereza muli finanse igice kiyigenewe, ibiro bya finanse nabyo bigomba kwakira no kwoherereza Komine ibice bizigenewe mu misoro finanse yakiliye.

**Ingingo ya 90.**

Uwakira amafranga muli Komine niwe ushinzwe guhemba amafranga yose yagenwe kandi yemewe na Burgmestre, akulikiza amategeko yerekeye isanduku ya Komine. Muli iryo hemba ashobora gushyiraho abamufasha abanje kubisabira uruhushya kwa Bwana Administrateri, kandi akamenya ko ali we byose bibazwa ali nawe ucunga abo bafasha be.

**Ingingo ya 91.**

Itegeko ryerekeye amafranga ya Komine ryashyizweho n'umutware wa Leta, liha uwakira amafranga inzira agomba kunyura mu gihe yandika mu bitabo bya kontabilite, likamubwira n'uko afata impapuro zerekeye kontabilite.

## UMUTWE WA GATATU

## Abapolisi ba Komine

**Ingingo ya 92.**

Inama ya Komine niyo itora abakwiye kuba abapolisi ba Komine. Byongeye kandi Administrateri wa teritwari ashobora gutiza Komine abapolisi ba teritwari.

**Ingingo ya 93.**

Burgmestre wenyine niwe ufite ububasha ku bapolisi ba Komine, no ku bapolisi yatijwe na teritwari, iyo Administrateri wa teritwari yabimuhayemo uruhushya.

**Ingingo ya 94.**

Abapolisi ba teritwari boherejwe kwa Burgmestre, bagengwa na Bwana Administrateri ku byerekeye amategeko. Ibibatangwaho n'ibyo bakoresha byishyurwa n'igihugu.

**Ingingo ya 95.**

Abapolisi bafite umulimo mu by'imanza, babitegekwamo n'abategetsi b'imanza.

## UMUTWE WA KANE

## Isambu yo Komine

**Ingingo ya 96.**

Tutiyibagije ibivugwa mu gice cya 5 n'icya 6, ubukungu bwa Komine bugizwe n'ibintu biterurwa n'ibidaterurwa byaguzwe cyangwa byabonekeye ubusa.

**Ingingo ya 97.**

Umugabane Komine yihaliye utegekwa na Burgmestre, gukora muli uwo mugabane bigomba uruhushya rwa Bwana Administrateri iyo byerekeye amafranga arenga 100.000.

**Ingingo ya 98.**

Kugira ngo Komine ihabwe isambu itali iyayo, bigomba kugenda nk'uko bimaze kuvugwa mu ngingo ibanziliza iyi.

**Ingingo ya 99.**

Igihugu cyegulira nta kiguzi za Komine, igice cyangwa umugabane wose w'ibyo cyali gitunze k'uburyo bw'umwihaliko cyangwa bwa rusange. Icyakora, ku mpamvu zireba igihugu cyose, igihugu gishobora kwisubiza igice cyangwa ibyo cyali cyaratanze byose, aliko kikishyura ibyatanzwe kugira ngo bitononekara.

**Ingingo y'100.**

Iyo mu iyobora rya Komine hagize ugomba gukurwa mu bye ku mpamvu zifitiye abantu bose akamaro, bikoreshwa amafranga ya Komine bikulikije amategeko yateganilijwe ibyo.

**Ingingo y'101.**

Leta ishobora kwegulira za Komine ku busa cyangwa ku kiguzi amasambu cyangwa igice cy'ayo masambu ali mu mbaga y'ayo, ayo masambu aba aya Komine, kuyasubiza ku mpamvu zagilira bose akamaro, Komine iyasubiza k'uburyo yahawe, aliko ikishyurwa ibyo yatanze.

## UMUTWE WA GATANU

## Imihanda ya Komine

**Ingingo y'102.**

Muli za komine icyo bita imihanda ya Komine ni iyi mihanda nyabagendwa, uretse imihanda minini yahuranya igihugu. Imihanda ya Komine ibalirwa mu mugabane rusange wayo.

**Ingingo y'103.**

Imihanda yaharuwe Komine imaze gushingwa bayita iya Komine, cyangwa iy'igihugu barebye uwayikoresheje, batarebye aho amafranga yaturutse.

**Ingingo y'104**

Iyo Komine yaguwe itegeko libihindura ni ryo livuga aho imihanda ili mu gice cyongereweho yerekera.

**Ingingo y'105.**

Imihanda yali imigenderano iyo ihindutse rusange ikulikiza amategeko asanzwe y'imihanda. Iyo inama ibyemeje, iyo mihanda iba rusange ikaba iya Komine.

**Ingingo y'106.**

Umutegetsi mukuru ugenewe iby'imihanda, ashobora guhindura umuhanda wa leta akawugira uwa karere, cyangwa uw'akarere akawugira uwa leta. Aliko kugira ngo umuhanda rusange ube uw'akarere, bigomba kwemerwa n'inama ya Komine.

**Ingingo y'107.**

Guhindura umuhanda w'akarere byemerwa n'inama ya Komine imaze gukora anketi.

**Ingingo y'108.**

Umutware w'igihugu yemeza uburyo iyo anketi muli ruganda izatangirwa, uko izamera n'igihe izamara, n'ukuntu icyemejwe kizatangazwa.

**Ingingo y'109.**

Cya cyemezo cy'inama ya Komine gihinduka itegeko likulikizwa, hashize amezi abili kimenyekeshejwe abantu bose, muli ayo mezi abili ufite icyo abibazaho ashobora kubaza Umutware w'igihugu icyo kibazo gituma biba bihagaze kugeza igihe Umutware w'igihugu ashubilije.

# IGICE CYA GATANU

# Imali ya Komine

## UMUTWE WA MBERE

## Ibyo amafranga aturukaho

**Ingingo y'110.**

Amafranga ya Komine aturuka : 1° ku misoro ya Komine
2° ku mafranga aguzwa.
3° ku byatanzwe no ku byarazwe n'abantu.
4° ku byo yunguka, ku biva mu mugabane wayo.
5° ku mfashanyo igihugu gishobora gutanga.

Amafranga yose yinjiye muli Komine yandikwa buli mwaka kandi ku buryo busobanuye muli budget ya Komine.

## UMUGABANE WA 1

### Imisoro yo muli Komine

**Ingingo y'111.**

Inama ya Komine ishobora gushyiraho za taxe ku misoro cyangwa ku milimo yakozwe ikulikije ingingo zikulikira.

**Ingingo y'112.**

Taxe yishyuza yakirwa umulimo Komine yakoreye abaturage mu kigwi cyabo, ushobora kuba ali umulimo washyizweho ku itegeko cyangwa ku bushake. Iyo taxe ntigomba kurenga icyatanzwe kuli uwo mulimo ihemberera.

**Ingingo y'113.**

Ku buryo inama y'igihugu yabigennye, igihugu giha za Komine taxe n'ibihemberwa imilimo yakozwe iyo milimo yakirwa taxe yakozwe na Komine.

**Ingingo y'114.**

Inama ya Komine ifite ububasha bwo gushyiraho taxe zibicuruzwa, iyo bisoreshwa na Leta, Komine ntiyongera kubisoresha.

**Ingingo y'115.**

Itegeko lishyizeho taxe muli Komine ligomba kuvuga uko izajya isoreshwa, uburyo utabyemeye yabaza n'uwo agomba kubaza. Amategeko ashyiraho taxes ashobora no gushyiraho amahazabu atarenga inshuro eshanu umusoro wimanywe. Byongeye kandi ayo mategeko ashobora kugena ibihano bitarenga umunyururu w'iminsi 7 cyangwa amafranga atarenga 200 y'ihazabu.

**Ingingo y'116.**

Inama ya Komine ishobora no kwongera taxes ku musoro w'umubili keretse ku musoro wo ku bantu bo mu rugo cyangwa ku byuma bifite moteri. Izo taxes zisoreshwa zikulikije amategeko agenga imisoro ijya mu isanduku y'igihugu.

**Ingingo y'117.**

Kuguza amafranga bigomba uruhushya rwa Administrateri. Iyo yanze bashobora kwibaliza Umutware w'igihugu. Umutware w'igihugu asubiza hatarashira iminsi 30 abonye ikibazo.

## UMUGABANE WA 2

### Kuguza amafranga

**Ingingo y'118.**

Inama ya Komine ishobora kuguza amafranga mu rugero Umutware w'igihugu yashyizeho.

**Ingingo y'119.**

Mbere yo kuguza bagomba kubaza Administrateri ; iyo yanze bashobora kwibaliza Umutware w'igihugu. Umutware w'igihugu asubiza hatarashira iminsi mirongo itatu abonye icyo kibazo.

UMUGABANE WA III

### Impano n'ibiragwa Komine.

**Ingingo y'120.**

Komine ntizishobora guhabwa n'abantu basanzwe ngo cyangwa ziragwe nabo ibintu birenze amafranga 100.000 Bwana Administrateri atabyemeye. Iyo Bwana Administrateri atabyemeye, inama ishobora kujulilira Umutware w'igihugu mu minsi 30 kuva igihe byangiwe. Umutware w'igihugu aca iteka mu minsi 30 kuva igihe ajuliliweho.

UMUTWE WA KABILI

## Amafranga akoreshwa muli Komine

**Ingingo y'121.**

Amafranga akoreshwa muli Komine yandikwa buli mwaka ku buryo busobanuye, muli ayo mafranga amwe atangwa ku itegeko andi hakaba ubwo adatangwa.

**Ingingo y'122.**

**Amafranga atangwa ku itegeko ni bene aya :**

1° Umushahara wa Burgmestre cyangwa ay'umubereye mu kigwi.

2° Indemnité z'abajyanama.

3° Umushahara w'abakozi hamwe n'ibindi bagomba guhabwa kubera amategeko ya leta cyangwa aya kontaro bateye.

4° Ay'ibiro by'ubuyobozi bwa Komine.

5° Ibigenewe gufata neza amazu ya Komine n'andi yahawe cyangwa yakodeshejwe nayo.

6° Ibigomba kwishyura ku mazu Komine ikodesha.

7° Amafranga atangwa kw'itunganya ry'itora ry'abajyanama ba Komine.

8° Kwishyura inyungu y'imali yagujijwe.

9° Indi myenda Komine itegetswe kwishyurwa, n'iyerekeye ku bihano ishobora gucibwa.

10° Ibigenda ku itunganya ry'imihanda.

11° Amafranga agenda ku byerekeye amaliba, kugazura n'imiyoboro y'amazi.

12° Amafranga yerekeye amatara amulika (muli Komine) hanze.

13° Ibyerekeye isuku muli Komine, n'ibyo kulinda rubanda indwara.

14° Ibifasha abatishoboye

15° Ibyerekeye ibiro bya cadastre, n'ibarura ry'amasambu.

16° N'ibindi byose amategeko ategeka Komine.

**Ingingo y'123.**

Komine zishobora kuguliza abaturage bazo amafranga, aliko ku buryo inama y'igihugu yabitegetse.

## UMUTWE WA GATATU

## Itegura rya Budget

**Ingingo y'124.**

Budget za Komine zilimo ibice bitatu :

I° Budget isanzwe

II° Budget idasanzwe

III° Amafranga aca muli Komine.

Muli buli gice cya budget, ibyinjira bigomba kutajya munsi y'ibisohoka.

**Ingingo y'125.**

Amafranga asagutse muli budget izanzwe yandikwa mu isanduku y'amafranga y'iruhande y'isanzwe.

**Iyo sanduku igenewe** :

1° gutabara budget isanzwe iyo itameze neza

2° gufasha mu milimo igenewe budget idasanzwe

3° gufasha mu yindi milimo yaza hanyuma itarateganyijwe kandi ali ngombwa.

Aliko iyo sanduku ntishobora guha budget idasanzwe igice kimwe cya kane cy'amafranga yayo arenga igice kimwe cya kane cy'amafranga ya budget isanzwe y'umwaka mwiza.

**Ingingo y'126.**

Asaguka muli budget idasanzwe yandikwa mu isanduka y'iruhande ya budget idasanzwe. Ayo mafranga aherera mu milimo ya budget idasanzwe.

**Ingingo y'127.**

Burgmestre ategura amafranga azakoreshwa, uko azava mu isanduku ajya mu yindi kandi ku buryo haboneka andi mafranga yinyongera. Ibyo abyereka inama aliyo ibyemeza, inama ishobora kugira icyo ibihinduraho. Iyo inama ihinduye yongera amafranga ava mu isanduku, igomba no gutegura inzira ni uko bizagenda. Iyo ihinduye igabanya amafranga azinjira, igomba no kugabanya amafranga azasohoka mu isanduku, cyangwa igategura ubundi buryo bwo kuyinjiza. Mu ikulikiza ryayo mategeko, ibyahindutse bishobora gushyirwa hamwe ;

**Ingingo y'128.**

Iyo Komine itashyize muli budget amafranga agenewe umulimo utegetswe, cyangwa iyo amafranga yawuteganyilijwe adahagije, cyangwa iyo amafranga yinjira adashoboye kurangiza ibizakorwa, Bwana Administrateri asubiza Komine Budget yayo ngo iyisubiremo. Inama irangiza gusubira muli budget hatarashira iminsi 15, kuva igihe ayiyisubilije. Iyo itabigize Administrateri wa teritwari ashobora :

— Kwandika muli budget amafranga agenewe uwo mulimo cyangwa akongera amafranga.

— Gusiba amafranga agenewe ibitali ngombwa, kugira ngo budget itungane. Iyo ikuraho ry'amafranga azagenda ku bitali ngombwa, lidahaye budget gutungana, Bwana Administrateri wa Teritwari asaba inama gushaka aho ayandi mafranga yazaturuka, iyo inama itabikoze iminsi 30 itarashira kuva iyibwiye, Bwana Administrateri yitegekera aho azaturuka.

**Ingingo y'129.**

Bwana Administrateri wa Teritwari, niwe usoza budget ya Komine akaba aliwe utanga uruhushya rwo kugira ngo hagire igihinduka kuli yo hagati y'umwaka.

**Ingingo y'130.**

Iyo budget idashojwe mbere y'ukwezi kwa mbere k'umwaka igenewe, Burgmestre, ashobora mu rugero tugiye kuvuga, gushyiraho amafranga agenewe imilimo ya ngombwa, aliko :

1° ayo mafranga agomba kuba yarateganyijwe muli budget yohererejwe Bwana Administrateri wa Teritwari.

2° ayo mafranga agomba kuba yarateganyilijwe uwo mulimo no muli budget y'umwaka ushize kereka iyo ali umulimo wa huti huti.

3° Amafranga yose atangwa buli kwezi kuva aho umwaka watangiliye, ntagomba kurenga icya 1/12 cya budget yose, bikulikije uko byaba byarahinduwe n'inama ya Komine.

## UMUTWE WA KANE

## Uko Budget Ikoreshwa

**Ingingo y'131.**

Burgmestre niwe ucunga budget : ni umugenga wayo.

**Ingingo y'132.**

Comptes za Komine zishingwa kandi zigenzurwa zikulikije amategeko yatanzwe n'Umutware w'igihugu

**Ingingo y'133.**

Umutware w'igihugu yemeza amafranga Komine zizishyulira n'ayo zizakilira igihugu, cyangwa ayo igihugu kishyulira cyangwa cyakilira za Komine.

## UMUTWE WA GATANU

## Ibya Rusange

**Ingingo y'134.**

Ibili mu itegeko ryo ku wa 14 yuli 1952 n'ibili mu itegeko ry'agateganyo ryo ku wa 25 desembri 1959, byerekeye ubutegetsi bwa Rwanda-Urundi, binyuranyije nili tegeko, birahagalitswe..

**Ingingo y'135.**

Ili tegeko likulikizwa mu gihugu cy'u Rwanda. Lizatangira gukulikizwa ku italiki ya 18 octobri 1960.